A Kibungo, Byumba et Umutara il y a eu un génocide contre les Hutu, commi par certains Tutsi en collaboration avec les militaires du FPR Inkotanyi.

Ce texte en Kinyarwanda écrit le 10 mai 2005 par Monsieur Boniface Rutayisire, administrateur de l'asbl Tubeho, Comité International pour des Victimes de la Haine Ethnique, Massacres et Génocide, parle d'un génocide contre les Hutu qui aurait été commis dans les régions de l'est et du nord-est du Rwanda. Outre le déroulement des faits, ce document contient également une liste des victimes.

KIBUNGO, BYUMBA, UMUTARA, HABAYE GENOCIDE Y'ABAHUTU YAKOZWE NA BAMWE MU BATUTSI BAFATANIJE N'INGABO ZA FPR INKOTANYI

Partie I.

Nk'uko nakomeje buri gihe kuba kuruhande rw'abarengana nsaba ubucamanza, abantu bamwe bagiye basaba ko hatangazwa ama liste y'abahutu bagiye bicwa n'abatutsi b'inkozi z'ibibi, kugirango ababikurikirana banamenye koko ibyabaye ni ibiki. N'ubwo muri aka karere ka Byumba umutara na Kibungo batorohewe ariko twasanze gutangaza akababaro bagize ari uburyo bwo kunazirikana ukuntu abaturage b'aho baguma kugerageraza bagasaba ubucamanza ko bwabumva. Gusaba ubucamanza kubahutu muri kariya karere ni igikorwa cy'ubutwari gikomeye ku muturage kuko benshi babigwamo bakicwa, bagafungwa, abandi bagahura n'ingorane nyinshi. Kuri aya makuru dutangaje ni uburyo bwo kubwira abo baturage ko twashyimye ubutwari bwabo bwo kugaragaza ukuri no kugira ubucamanza bubarenganura. Ni n'uburyo bwo kubabwira ngo ntibari bonyine kuko hari n'abandi nkatwe tubimazemo igihe dusaba ko ubwicanyi bwahagarara abantu bakarenganurwa ariko twazitiwe n'uko isi y'ubu ikiri ishyamba ritagira ubucamanza kuri buri wese uyituye. Wenda kubw'amasengesho hazabaho kuva mugihu umuntu wese agire uburengazira ku buzima no kubucamanza. Abazasoma iyi nyandiko mwese muzazirikane ko aba baturage b' i Kiyenzi, no Mumutara hose, Byumba, Kibungo na Bugesera n'uturere tuhegereye bashize neza neza kandi nta mizero y'ubuzima bafite. Isi barimo siyo abandi bantu bo ku isi babamo. Amaso ari bubihere. Umuturage umwe mungo zigera kuri 15 niwe usigaye hamwe na hamwe kumirenge kuburyo n'uwo wasigaye ntamuntu yari azi mbere abona iruhande rwe kuko abandi bagiye bicwa baratsembwe kandi ntafite uwo yabwira. Uwashaka guhinyuza iyi nyandiko ashobora kugera aha hantu havugwa akibonera ukuri cyangwa se akambwira tukajyanayo jyewe Rutayisire Boniface utangaje iyi nyandiko. Dushimiye kandi abashyira mu gaciro bakumva bazirikana abishwe bose batarobanuye amoko. Ibyo nibyo bizakiza u Rwanda. Dutangaje ko uzita ubwicanyi bwabaye irindi zina ritari génocide yakorewe abahutu i Byumba i Kibungo na Bugesera dufite gahunda yo kumufata nk'abandi bicanyi bose babikoze kuko ni ukuri kwambaye ubusa, i Byumba, Umutara, Kibungo na Bugesera habaye genocide y'abahutu ukurikije ibisabwa byose ngo ubwicanyi bwitwe genocde.

Aya maliste ari hasi areba cellule (akagari ka Kiyenzi) nabwo abishwe bose ntibavuzwemo, ibivugwamo ninabyo byabaye no muzindi cellules n'imirenge bigize turiya turere ndetse hari n'aharushaho. Iyo ukoze imibare usanga muri kariya karere harishwe abahutu bakubye inshuri nyinshi cyane kurusha abatutsi. Abahutu b'ako karere bishwe n'abaturage b'abatutsi bagabaga ibitero bagiye guhiga abahutu ku misozi bamwe bakabicirayo abandi bakabashorera bakabajyana mu nkambi aho bahambirwaga bagapakirwa imodoka bagashyirwa abasirikare babakubita udufuni bagatwika n'imirambo. Abahutu ba turiya turere bishwe n'abacivil b'abatutsi muburyo organisé systèmatiquement kandi byabanzaga gutegurwa, ndetse ku rwego rwo hejuru bigahagarikirwa n'ubutegetsi busanzwe hamwe n'ubutegetsi bwa gisirikari bwatangaga n'abasirikare bo gutiza umurindi abaturage b'abatutsi bicaga no gufasha kwica.

Aya magambo yanditswe muri tableau ni ubuhamya bwite bw'abarokokeye muri ubu bwicanyi babyiboneye ubwabo. N'ubu kuri iyi tariki ntabwo wavuga ko abo bahutu barokotse kuko muri iyi myaka ya vuba barakicwa buhoro buhoro ndetse n'abapfu babo bishwe ari abere hari imigirire yo kubasiga icyaha mukerekezo cyo gushaka kwica ababakomokaho bose. Icyagaragaye cyane muri kariya kagari ka Kiyenzi ni uko abatutsi bahavuka bahungiye kure y'iwabo mubirometero bigera mu icumi, bajya mu nsengero noneho bicirwayo n'interahamwe zegereye aho kure bahungiye hamwe n'izindi nterahamwe zindi zabaga zihunga zihungana n'abasirikare ba ex FAR. Abatutsi bavuka b'i Kiyenzi baguye i Kiyenzi ni bake cyane kuburyo n'abahutu baho nta bwicanyi bagiyemo. Ubwicanyi bwagiriwe abatutsi muri ako karere nta n'ubwo bwagejeje ku byumweru bibiri. Ibi bituma abavuga n'imibare y'abatutsi bishwe bishoboka ko atariyo ngo kuko babivanga n'imirambo y'abahutu kandi hakaba nta rwego mpuzamahanga rwigenga rutabifitemo inyungu rwabaruye abishwe. Abahutu ba kariya karere nta n'ubwo bari abahutu banga abatutsi kuburyo abenshi bari bafitanye nabo amasano, abandi bahutu nabo batazi niba ari abahutu cyangwa abatutsi. Ibi byatumye n'abitabira ubwicanyi bataba benshi n'ubwo hari ababivuga ukundi kubera ibyo bagamije. Ibi byo kuba abere kw'abahutu b'i Kibungo n'UMutara ntibyabujije ko abahutu bicwa n'abatutsi baturanye bafatanije n'abatutsi bahungutse bava i Bugande. Mukubica kandi hakoreshejwe no kubica binyujijwe mu byiswe ubucamananza hakaba harimo abishwe bafungiwe ubusa abandi nabo bagasigwa icyaha kandi ari abere. N'uyu munsi wa none hari imigirire yo gukoresha uburyo bwose buziguye n'ubutaziguye bwo kubuza gusohoka abatuye utwo turere, n'abandi baturage nabo bahavuka bari hirya no bakagumya kubuzwa uburyo kugeza aho bose bazashira burundu. Ibi byahindutsemo imigirire iteye nka za organisations zikomeye kuburyo buteye impungenge mu Rwanda no mumahanga bikorwamo haba mubireba media, mubutegetsi, mubucamanza n'ibindi by'ubuzima. Iyi migirire abanyarwanda bamwe n'abanyamahanga babigiramo uruhare babizi cyangwa batabizi ariko bagomba kuzirikana ko yambura abandi ubuzima.

Ubu Ikibazo abakomoka muri turiya turere bibaza ni ukwibaza ngo se bo bazigera bagira ubwigenge kubuzima bugenewe ikiremwamuntu nk'abandi (baba abagituye muri turiya turere, cyangwa ababa ahandi? Ese Abahutu b'utwo turere cyimwe n'abahutu b'utundi turere tw'u Rwanda bazagira uburengazira ku buzima nk'abantu? Abahutu se bazagira uburenganzira bwo kwibuka no kuririra ababo hamwe no kugira ubutabera bubumva?

Bruxelles, 10/5/2005

RUTAYISIRE Boniface

Administrateur du Comité International pour les Victimes de la Haine Ethnique, Massacres et Génocide

Tél : (32) 472 26 70 71 compte bancaire N° 000-3184659-52

e-mail : infotubeho@yahoo.fr

N°Moniteur Belge (journal officiel): 859595192

C/O UNIVERSITE LIBRE DE BRUXELLES

LA LISTE DES VICTIMES

Partie II.

LISTE Y'AMAZINA AMWE Y'ABAHUTU BISHWE N'ABATURAGE B'ABATUTSI BAFATANIJE N'INGABO ZA FPR MU KAGARI (cellule) KA KIYENZI AKARERE(komini) KA RUKARA UMUTARA (Amazina y'abahutu bose bahiciwe ntabwo ari kuri iyi liste kuko ni menshi cyane abantu barashize. Twafashe amazina y'abahutu bishwe twashoboye kubonera ubuhamya bw'ababyiboneye n'amaso yabo butangwa n'ababirokokeyemo. Undi mubare munini ni uwishwe ariko ntihagire umuntu usigara wo kubara inkuru. Aka kagari ka Kiyenzi kavugwa hano gafite ubuso bwegera kilometero carré eshatu)

Amazina	Sexe	Ages	Umwaka yishwemo	Aho yari atuye	Aho yiciwe n'uko bamwishe
1.Mukakaberuka Jeanne Hutu	Fém.	+- 60 ans	Août 1994	Kiyenzi	Yishwe n'igitero cy'abaturage b'abatutsi bakor bajya guhiga abahutu ku musozi bo kwica. A kumanywa bamutegeka kujya imbere bakamus yose yerekeza kuri centre yitwa « sosiyete » bamukubita imihini baramunangura bamuta r bahutu. Mubamwishe harimo abatutsi b'abat icyongereza n'ikigande. Muri abo batutsi bish harimo abitwa Uzabakiriho bakunze kwita Ru n'abandi bavuye i Bugande bitwa ba Rubyogo, umukwe wa Nirere, uwo bita Minwari, Saveri ul
2. Nyiraromba wo kwa Rwabudariko	Fém		1994	Kiyenzi	Yishwe n'igitero cyagabwe n'abatutsi bavuye isambu ayituramo
3. Bizimana Théodore (bita Nziza)	Masc	+- 40 ans	Avril 1994	Kiyenzi	Aherekeranije n'umugabo Munyabugingo zamwiciye umugore n'abana, bombi (Munyabu abatutsi barokotse bagiye i Gahini munkam zirabahambira zibakubita adufuni zibapakirana abahutu batwikirwaga i Gabiro.
4. Munyabugingo **(TUTSI)**	Masc	+-50 ans	Avril 1994	Kiyenzi	Ni umututsi wari warokotse interahamwe h n'interahamwe. Munyabugingo yaherekeranije abandi batutsi barokotse i Gahini. Abasiri barababoha. Barababoshye nk'uko babohaga ijya gutwikirwa hamwe n'iyabahutu barimo bicv
5. Murasira	Masc	+-60 ans	1994	Kiyenzi	Yafashwe n'igitero cy'abasivili b'abatutsi bar muntu umwe wari ushinzwe « Local defense umutwe umeze nk'interahamwe kuko ari baherekereze abaturage b'abatutsi bagabaga ib yari ari i Kiyenzi baramushorera ajyanywana n barundaga abahutu barindiriye kwicwa mu ib Gahini. Bigeze nimugoroba haje imodoka (abasirikare bafashe ku ngufu) iza yuzuye abasi batagereje urupfu mu ibarizo rya Kabera, ab gusoma kumalisite uwiyumvise akaza baka mumodoka. Imodoka imaze kuzura abagera ku mu ibarizo bahambiriye baniha hashize iminsi havuyemo umuntu umwe ararokoka. Muri uko bahambiranywe n'abana bari bahetse, amabok Harimo umugore wavuye Kawangire bamuhan gukubitwa agafuni baratwikana n'umwana.

6. Uwizera (Matene) Hutu	Masc	+-17 ans	1994	Kiyenzi	Yari umunyeshuri wiga mu ishuri ryisumbuy hamwe n'umugabo Murasira. bafashwe n'igite abatutsi bavuye Uganda, bajyanywa ari bane kwicwa. Basangayo abandi bahutu bategereje y'umucuruzi wo ku Muzizi ya Daihatsu isa yar yuzuye abasirikare. Bageze aharunze abahutu abasirikare babiri barinjira batangira gusoma bakamuhambirira amaboko inyuma bakanaga kuri 7O, barindwi babura aho bajya basigaraho kubera inzara n'ingoyi. Havuyemo umuntu umv
7. Nyiramikara Hutu	Fém	+-70 ans	1994	Kiyenzi	Yishwe n'abasirikare b'inkotanyi (abasirika b'abatutsi. bamwishe yari yibereye murugo iwe
8. Bwicaro Donature Hutu	Fém	+-85 ans	1994	Kiyenzi	Abasirikare ba F.P.R.bari kumwe n'abasivir semusharizi hamwe n'abandi bantu benshi n'impinja. Abasirikare bazanye abahutu ber bashyiramo ibishogoshogo baratwika muri ma bafatanije n'abasiviri.
9. Gacuma umukobwa wa Nzigira (HUTU)	Fém	+-13 ans	1994	Kiyenzi	Abasirikare ba F.P.R.bari kumwe n'abasivir semusharizi hamwe n'abandi bantu benshi n'impinja. Abasirikare bazanye abahutu ber bashyiramo ibishogoshogo baratwika muri ma bafatanije n'abasiviri.
10. Semusharizi (Hutu)			1994	Kiyenzi	Yatwikiwe mu nzu yo kwa semusharizi hamwe abagore abagabo n'impinja. Abasirikare bafata benshi munzu barangije bashyiramo ibishogosh munzu. Abasirikare bafatanije n'abasiviri.
11. Umugore wa Semusharizi	Fem		1994	Kiyenzi	Yatwikiwe mu nzu yo kwa semusharizi hamwe abagore abagabo n'impinja. Abasirikare ba bashyiramo ibishogoshogo baratwika muri ma bafatanije n'abasiviri.
12. Nyakarashi	Masc		1994	Kiyenzi	Ntawe uzi urupfu yapfuye, yagiye asanze inkota
13. Umwana wo Kwa Mugenzi		+- 1 an	1994	Kiyenzi	Umwana wari utangiye kwiga kwicara inkotany
14.					
15. Tadeyo	Masc		1994	Kiyenzi	Yishwe n'abaturage b'abatutsi i Kiyenzi Bu harimo Gakuba, Munyansanga, Mukarusanga G
16. Nyiragatwa	Fém	80 ans	1994	Kiyenzi	Yakubiswe amahiri n'igitero cy'abaturage b'aba bagendanaga barimo n'abavuye i Bugande bavu
17. Karushonga	Fém	70 ans	1994	Kiyenzi	Yakubiswe amahiri n'igitero cy'abaturage b'aba bagendanaga barimo n'abavuye i Bugande ba batavuzwe
18. Habimana Ruvuzo	Masc		1994	Kiyenzi	yishwe n'inkotanyi ziri kumwe n'abaturage n'umugore n'umwana
19. Mukakibogo Dorocela	Fém		1994	Kiyenzi	yishwe n'inkotanyi ziri kumwe n'abaturage n'umugabo n'umwana
20. Umwana wonka wa Habimana					Bishwe n'inkotanyi ziri kumwe n'abaturage n'ababyeyi be
21. Habyarimana wo kwa Mahirane	Masc		1994	Kiyenzi	Yishwe n'abaturage b'abatutsi mugitero kirimo bava i Bugande bitwa Rubyogo, Moses(Mozes Nirere, uwo bita Minwari, Saveri uba mugatare
22. Umugore wa Semana Samake	Fém	+-30	1994	Kiyenzi	Igitero cy'abatutsi cyamusanze murugo n'aban Gahini bageze mu muhanda ujya kuri centre

					baramucocana n'abana bifashishije agafuni.
23. Musabyimana umwana Semana	Fém	+-19 ans	1994	Kiyenzi	Igitero cy'abatutsi cyamusanze murugo ari kiramushorera kimujyanye I Gahini bageze n babakubita uduhini bikubita hasi barabacoca bo abitwa Uzabakiriho bakunze kwita Ruveve, Ga bavuye i Bugande bitwa ba Rubyogo, Moses(M wa Nirere, uwo bita Minwari, Saveri uba mugata
24. Umwana wa Semana			1994	Kiyenzi	Yicanywe n'iwabo n'abo bava indimwe batanda
25. Umwana wa Semana		15 ans	1994	Kiyenzi	Yicanywe n'iwabo n'abo bava indimwe batanda
26. Umwana wa semana			1994	Kiyenzi	Yicanywe n'iwabo n'abo bava indimwe batanda
27. Umwana wa Semana			1994	Kiyenzi	Yicanywe n'iwabo n'abo bava indimwe batanda
28. Umwana wa semana			1994	Kiyenzi	Yicanywe n'iwabo n'abo bava indimwe batanda
29. Bigari	Masc		1994		Yatanzwe n'abatutsi yicwa n'inkotanyi za F.P.R
30. Ndemezo	Masc		1994		Yishwe n'abasirikare yatanzwe n'abasiviri b'aba
31. Panya	Masc		1994		Yabaye umusirikare hanyuma aza kwicwa n'aba
32. Munyengano (mwarimu)	Masc		1994		Yatanzwe n'abaturage b'abatutsi yicwa n'abasir
33. Jeanine wari utuye imbere yo kwa Gashegu	Fém	+-30	1994	Kiyenzi	Yiciwe iwe yicwa n'abasirikare ba F.P.R bari bahigaga abahutu mugitero
34. Umugwaneza		+-11ans	1994	Kiyenzi	Yigaga muri primaire i Kiyenzi yicanwa na n b'abatutsi bari kumwe n'abasirikare
35. Igiraneza		9ans	1994	Kiyenzi	Yigaga muri primaire i Kiyenzi yicanwa na b'abatutsi bari kumwe n'abasirikare
36. Sematama	Masc		1994	Kiyenzi	Yishwe n'abasirikare ba F.P.R bari kumwe n'ab wenyine baramwica
37. Gahamanyi wabaga 38. mubya Rulindana	Masc		1994	Kiyenzi	Abaturage bari kumwe n'abasirikare b'inkotany
39. Sebasaza	masc		1994	Kiyenzi	Abaturage bari kumwe n'abasirikare b'inkotany
40. Kayinamura bitaga "Nkwedi"	Masc		1994	Kiyenzi	Yicanywe n'uwitwa Sebasaza yicwa n'abaturage
41. Kampire	Fém		1994	Kiyenzi	Yishwe n'abatutsi b'abaturage bagabye ibiter abatutsi bo ku Kabuye
42. Mukamwiza	Fém		1994	Kiyenzi	Yiciwe Buyanjya, yishwe ahetse umwana
43. Umwana wa Mukamwiza			1994	Kiyenzi	Yicanywe na nyina amuhetse
44. George Gasana(mwarimu)	Fém		1994	Kiyenzi	Yishwe n'abaturage bari kumwe n'abasirikare y mu giti kuri centre yitwa Videwo.
45. Mukarutamu	Fém		1994		Nyina w'uwitwa Musaningare wiciwe i Nyawer
46. Mukankundiye Elevaniya	Fém		1994	Kiyenzi	Yiciwe hamwe n'abandi benshi cyane ar Nyagahandagaza. Barashwe n'imodoka ihetse i
47. Rudamage	Masc	17ans	1994	Kiyenzi	Bamujyanye i Gahini agezeyo abatutsi bari mu agafundi aratwikwa
48. Kabera	Masc		1994	Kiyenzi	Yishwe n'abasirikare atanzwe n'abatutsi kuri ce
49. Kamashayija	Masc		1994	Kiyenzi	Yishwe n'abasirikare atanzwe n'abatutsi kuri ce

50. Binagwaho	Masc		1994	Kiyenzi	Yiciwe iwe n'abaturage b'abatutsi bari kumwe n
51. Habiyakare (Rugarama)	Masc		1994	Kiyenzi	Yiciwe iwe yicwa n'abaturage b'abatutsi bari ku
52. Mwenewabo wo Kwa sematama wari wahungiye kwa Gakwaya	Masc		1994	Kiyenzi	Yishwe n'igitero cy'abaturage b'abatutsi kav bavuzwe muri iyi nyandiko
53. Umugabo wa Agnès Mukakarangizi			1994		Yiciwe i Mukarange naho hari ikigo barundamo ikigo cy'i Gahini cyari kimeze.
54. Nyina wa Twahirwa bita Buhinja			1994		Yagiye gusura abarokotse i Mukarange bahita ba
55. Rwigamba wo kwa Gahirwa	Masc		1994	Kiyenzi	Yiciwe i Kiyenzi .
56. Benimana Solange			1994		Abatutsi bari kumwe bamuhaye abasirikari ba F
57. Mugasa	Masc	+-42 ans	1996	Kiyenzi	Yaratahutse 1996 ageze i Kiyenzi hafi yo b'abatutsi bahiga abahutu bo kwica baram bamutaho. Yamaze gupfa, umugore w'umututs Mugasa. Yishwe n'igitero kirimo Uzabakiriho b Hari kandi n'abatutsi bavuye i Bugande bar Bahizi n'abandi.
58. Sekamana	Masc	+-50 ans	1996	Kiyenzi	Yaratahutse 1996 ageze i Kiyenzi hafi yo b'abatutsi bahiga abahutu baramufata bamuk Yiciwe n'icyo gitero cya Uzabakiriho, Munyen Bugande ba Rukundakuvuga, Damascène, n'aba
59. Igiraneza wo kwa Bigari(Mwarimu i Gahini)	Masc		Yishwe nyuma y'umwaka w'ibihumbi bibiri		Yari Mwarimu mu ishuri ryisumbuye ry'i Gah wafashwe ngo ahanwe n'ubu. Yishwe muburyo n'abandi hirya no hino.
60. Umwana wo kwa Mariko			1996	Kiyenzi	Yishwe n'abatutsi b'i Kiyenzi barimo Munyansa

- NB1: hari uburyo bundi spécial bwakoreshejwe mukumaraho bwangu abahutu b'i Kibungo, Umutara Bugesera aribwo bwo gufunga imipaka n'amayira yose asohoka noneho abaturage bakagumamo aho hagati, ahari ibikorwa abaturage bakeneye by'amavuriro n'isoko hashyirwa ibigo(camps) byicirwamo umuhutu wese uje agana ibyo bikorwa by'amavuriro. Nanone umuhutu wishwe akicwa nabi kumugaragaro ngo n'abandi bahutu babimenye be kuza kwivuza batinye kwicwa. Byatumye abaturage b'abahutu batinya kwegera ivuriro kuko barishyize iruhande ikigo biciramo abahutu. Ahari ivuriro hose hari n'ikigo cyo kwiciramo abahutu cyangwa ubundi buryo bwo kubarundanya bakajyanwa kwicirwa ahandi. Benshi bamaze igihe bativuza bagapfa bishwe gutyo n'abo bicanyi bakoresheje stratégies zihanitse cyane, kubera uwajyaga kwivuza ntiyagarukaga. Ni gutyo umugabo w'i Kiyenzi w'umusaza w'imyaka igera hafi kuri 80 witwa Sebashi hamwe n'abandi b'inzirakarengane bishwe gutyo. Hari n'abandi bishwe kubundi buryo tutanditse hano bizagira igihe cyabyo. Kugirango abaturage barusheho gushira vuba hakoreshejwe no kohereza ibitero by'abatutsi n'abasirikare bo kujya kwicira abahutu iwabo mungo iyo bari.

- 2. Amazina yose y'abishwe b'i Kiyenzi ntabwo agaragara muri iyo tableau turacyabikoraho kuko mbere yo kwandika umuntu bigomba kuba ari ukuri nyako bigatwara n'igihe cyo kubisuzuma.

Bruxelles, tariki ya 10/5/2005

RUTAYISIRE Boniface

Administrateur du Comité International pour les Victimes de la Haine Ethnique, Massacres et Génocide

Tél : (32) 472 26 70 71 e-mail : infotubeho@yahoo.fr

N°Moniteur Belge (journal officiel): 859595192

C/O UNIVERSITE LIBRE DE BRUXELLES

DOCUMENT

Partie III:

Mbere y'uko abaturage b'abatutsi bagaba igitero babanzaga kugirana inama yo kugitegura, bagahabwa n'amabwiriza n'umutegetsi uri hafi cyangwa umusirikare uko biri bugende. Aho basangaga ibintu barabisahuraga. Kugaba igitero abatutsi babyitaga ko bagiye « gufuya abahutu » n'uwicwaga baravugaga ngo bamufuye, ni ukuvuga „fouiller les bahutu"=guhiga abahutu ku misozi hose mumazu no hanze ntihagire ukwisoba. Nta mirwano yari ikiri mu karere kuko imirwano muri ako gace itigeze irenza icyumweru. Ndetse bisa n'aho nta mirwano yahabaye. Abasirikare ba ex FAR n'interahamwe bahaciye bahunga n'inkotanyi ziruka zijya gufata utundi turere. Abaturage b'i Kiyenzi b'abahutu nta wigeze atunga intwaro ya gisirikare kuko cyari igiturage gisanzwe cy'abantu bicecekeye. Ku iyicwa ry'abahutu, abahutu bahigwaga n'abatutsi bagashorerwa bakajyanwa kwicwa. Abenshi mubahutu bakicirwa aho bari cyangwa bakicirwa mu nzira, abandi bahutu bakajyanwa i Gahini kuzirikwa, gukubitwa udufuni no gutwikwa.

Abarikare b'inkotanyi bari bakambitse hafi ya camps barundagamo abahutu bo guhambirwa no gutwikwa. Ubutegetsi bwa komini bwari bwarimutse bukorera by'agateganyo i Gahini mumazu y'ivuriro ry'ibimuga bitaga ngo ni kwa „Haridingi" ibyo ntibyabuzaga no kugera Karubamba aho bwari busanzwe. Aho ubutegetsi bwa komini bwakoreraga ni muri metero zitagera ku ijana uvuye ku ibarizo rya Kabera bari barahinduye ikigo barundamo abahutu bagiye kwicwa. Abasirikare ba F.P.R bakwiraga mugiturage bari bakambitse kuri CERAI i Rwinkuba mubirometero bitarenga bitatu uvuye i Kiyenzi. Abandi basirikare ba F.P.R bavaga i Gahini. Mu ivuriro ry'i Gahini havuragamo umusirikare w'umudogiteri.

Igitero cy'abatutsi b'i Kiyenzi cyajyaga guhiga abahutu cyari kigizwe na Uzabakiriho bita Ruveve, Mukarusanga, Gakuba, Swaldi, n'abandi babaga bitwaje imihini n'impiri n'amasuka y'amafuni. Kuri abo hiyongeraho n'abatutsi bavuye i Bugande benshi barimo Rukundakuvuga, Saveri, Rubyogo, Bahizi, Damascène, Mozesi wari ushinzwe umutekano, Fred, Mukesha wari responsable wa cellule, Lubereti utuye mu isambu ya nitegeka, umugabo wavuye i Bugande warongoye Kabarenzi, n'abandi nk'umusirikare Mudaheranwa igiye yabaga yagiye muri congé. I Gahini aho bagemuraga abahutu bo kwicwa bahitaga ku iseta. Mugorukeye nawe yaje kwiyongereyeho nyuma kuri iyo kipi y'abicanyi.

Mu turere twose muri kariya gace ka Byumba, Umutara, Kibungo na Bugesera hari „camps de concentration" ni ukuvuga ikigo babanzaga kurundamo abahutu mbere yo kwicwa. Muhegereye hari Gahini, Kiramuruzi, Mukarange, Kayonza n'ahandi. Abahutu bishwe bajyaga gutwikirwa i Gabiro, Ryamanyoni, muri parc y'Akagera, Nasho, aho bita La rwandaise, Zaza n'ahandi henshi. Nk'aho barundaga abahutu i Mukarange haguyemo umugabo wa Agnès uvuka i Kiyenzi ariko utuye i Murambi. Amakuru yaramenyekanye hose ko abahutu bashize, ahasigaye bamwe barahunga, abandi bajya babona ikivunge cy'abatutsi bagabye igitero bakajya kwihisha.

Mu bihe bishize abategetsi b'akarere basabye abaturage gukwira ibigunda byose ngo batoragure amagufwa yose aho yaba ari bayazane kuburyo bababwiye ko ikitwa igufa cyose bakizana bataretse n'amagufwa y'inyamaswa cyangwa ay'inka. Kandi koko n'amagufa y'inka bayatwaranye n'ay'abantu. Bwari uburyo bwo kuzimanganya ibimenyetso by'abahutu biciwe hirya no hino muri kariya karere kubutyo nta kantu kabisoba. Abategetsi bari bavuze ko amagufwa ahambwa Karubamba, ariko amakuru ariho avuga y'uko amagufa yose siko yahambwe ngo hashobora kuba hari amagufwa yongeye gutwikwa. No muri ibyo bihe batwitse pariki y'Akagera irashya irakongoka muburyo budasobanutse kugirango amagufwa n'ibindi bimenyetso birimo bizimire burundu.

Ikindi kigomba gusubirwamo cyagaragaye ni uko abatutsi bo ku murenge wa Kiyenzi biciwe kure y'i Kiyenzi aho bari bahungiye kubirometero bigera mu icumi hirya no hino basanga insengerero na kiriziya. Abaturage b'abahutu b'i Kiyenzi bagize uruhare mu bwicanyi ni bake cyane kuko abatutsi biciwe kumurenge wabo wa Kiyenzi bari bake cyane kuburyo ari umwe n'umwe. Abatutsi (umwe umwe wiciwe i Kiyenzi) yishwe cyane cyane n'abanyakinyinya bateraga bari kumwe n'interahamwe kuko begereye aho abasirikare n' interahamwe ziva kwa Gatete muri Murambi zacaga zihunga inkotanyi. Abahutu b'i Kiyenzi nta bwicanyi budasanzwe bagiyemo. Ibi nabiboneye gihamya kuko mu iyicwa ry'abatutsi, igitero cy'abahutu cyateye kwa Mwumvaneza François kikongera kigatera no kwa Kamirindi kikica Tereziya nta banyakiyenzi benshi bari barimo. Ibi ariko ntibyabujije nyuma abahutu b'i Kiyenzi kwicwa n'abatutsi ari benshi cyane kuburyo bashize bazira ubusa. Bishwe bazira ko ari abahutu. Igitangaje ni uko mu ikinamayobera bita gacaca bigaragara ko rigamije kumara n'abo batari bashoboye kwica, umuhutu ntagira ijambo ryo kuvuga abe bishwe, ndetse n'umuhutu ubarimo wakosheje abatutsi baramugurira ngo avuge amazina menshi y'abahutu batagiye mu bwicanyi kugirango babone icyo bandika kuri runaka w'umuhutu ukiriho cyangwa wishwe n'abatutsi. Ibi bikaba bigaragaza indi migambi yo kumara abasigaye no kongera kwica bwa kabiri abapfu bishwe murwego rwo kumara ababo bose. Ibyo bikaba ari ukongera kumwica bwa kabiri kuko kuba yarishwe ari umwere azira ubuhutu akongeraho no kwitwa umunyamafuti atakiriho ni ubundi bwicanyi bwo kwica abe basigaye.

Abicanyi barakomeye mu karere ka Mutara, Kibungo Byumba, na Bugesera n'ahandi barashyigikiwe. Jye sinari nziko isi yubatse kubwicanyi gusa n'agahinda ko kumva utizeye kubaho. Iri jambo umuturage waho azarikubwira ko kuri we isi itabaho ahubwo habaho abantu b'ibirura n'inyamaswa zibica zishyigikiye n'ababica. Isi aho kuzura abantu yuzuye inyamaswa n'ibirura bigamije kwica no kurenganya. Umuntu yicwa imyaka n'imyaka mu isi utagira uwo utakira n'umwe. Imfubyi z'abahutu nazo zifite ibibazo bikomeye cyane ntiziga ndetse n'ibibazo ni byinshi kuko nta miryango ibavuganira nk'abarokotse b'abatutsi uko bigenda. Hari indi ngorane y'uko abarokotse b'abatutsi bashatse kuvuga ukuri bavugira abahutu barebwa nabi bakitwa interahamwe kubera ubutabera budashoboka.

Kubijyana n'ubucamanza nta kizere na gito umuhutu afite muri kariya karere kuko abaturage bagerageje kurega cyangwa kubaza iby'abantu babo bishwe, barabafunze abandi barabica. Nimuri urwo rwego umugabo witwa Kayinamura washakanye na Mukarugina afunze. Yashatse kuvuga muri gacaca abatutsi bishe hamwe n'abasirikare bishe abahutu arafungwa. Umutegarugori witwa Nyirabahire yashatse kubaza abantu be bishwe n'abatutsi baramuzibisha araceceka. Buri muturage

muri kariya karere umutima we urahambiriye cyane urenda guturika ariko ntashobora kugira ubucamanza nta n'uwo ashobora kuririra cyangwa kuganyira.

NB: Kuri ubu buhamya hariyongeraho ko jyewe Rutayisire Boniface ngiye kumara imyaka icumi n'indi ntabariza aba bantu ntawe ubyumva, namenyesheje za Ambassade nyinshi harimo n'iya USA mu Rwanda mu 1994 mbonana n'ushinzwe amakuru Lee Woodyear wakoreraga kuri Ambassade ya USA, n'abonanye n'abandi ba diplomates ba USA bakuru mu izindi ambassade zayo hamwe n'abandi benshi ariko n'ubu ntacyo ndabona bihindura, Nahuruje ishami rya ONU muri 1994 rishinzwe Droit de l'homme ry'i Génève ryakoreraga i Kigali haza section ishinzwe abana isura abaturage b'i Kiyenzi rimwe ariko sinamenye ibyakurikiye. Natanze inyandiko mubinyamakuru, ahubwo amakuru amwe akangwa mu matwi avuga ko ubwo bwicanyi bwakorewe abahutu b'i Kibungo harimo abanyamahanga babutegura bakanakurikirana uko bugenda hakabamo n'abatanze technologie y'uko batwika imirambo y'abahutu igakongoka igashira. By'umwihariko nabwiye umugabo Alexandre Castania wari uhagarariye uburenganzira bw'ikiremwamuntu i Kibungo ONU nanamushyikirije inyandiko ko tubona ibibera i Kibungo icyo gihe muri za 1994 ari genocide irimo gukorerwa abahutu ntabwo twamenye uko byaje kugenda.Ibyo byose nabikoze mba i Kigali ndi umukozi mukuru muri société. Guvernement y'Ububirigi hamwe n'izindi guvernement z'ibihugu by'uburayi nk'ubwongereza n'izindi zari zihagarariwe cyane mumiryango myinshi mu Rwanda kandi zirimo kubona ibihabera. None dusabye ibihugu nka Leta zunze ubumwe z'Amerika, Ububirigi, UK n'ibyo bihugu bindi byose byari bihari cyangwa bigihari hamwe na za groupes zikomeye nk'iya aba juifs yari ihari ikanahakomera mu Rwanda rwa nyuma ya 1994 n'ubu ikaba ikomeye ko abo bose hamwe bafata iya mbere yo kurenganura abaturage bose barenganye niba icyo gihe batarasobanukiwe ibyariho bikorwa. Kandi turasaba ko abakomeza gushyigikira akarengane bahagarika abaturage barashize peee.

Imyaka icumi irashize isi irimo gusa n'aho itagira igihugu na kimwe kigira ubucamanza. Ese isi y'ubu ni ishyamba rituwe n'inyamaswa zitwa abantu zibereyeho kwicana no gushyigikira abicana gusa ? Uretse n'umuturage w'i Kiyenzi no mukarere, ubu umbajije ko hari igihugu kigira ubucamanza nyabwo ku isi nakubwira ko ntacyo kuko nta na kimwe kigeze gishaka kutwumva. Bose barabeshya, batunze ubucamanza berekeza iyo bishakiye.

Ibi byose bituma abanyakibungo bamwe bahitamo guceceka nkaho ntacyabaye, abandi bakihonga by'ubwoba abantu bagakomeza gushira, abandi nabo bakabuzwa amahoro ndetse n'ibyo abandi babona hirya no hino bakabibuzwa ngo batazamuka ari benshi bakavuga ikibazo. Ninayo mpamvu nta n'abanyakibungo bashoboye nibura guhungira hanze ari benshi uwo muriro ngo bavuge ikibazo ku isi hirya no hino kuko ari amahanga ari n'ababica, akazi ni ugucunga aho bahererey e no kubabuza icyo bashobora kugeraho.

Ikindi gitangaje ni uko abantu bicwaga muri utwo turere twa Byumba Umutra Kibungo na Bugesera ari nako za ONG zahageraga zitanga n'ibiryo ukaba wakwibaza ngo izo ONG zatangaga ibiryo ntizivuge icyo kibazo cy'abicwaga, aboherezwagayo bari bantu ki?

-Ndasaba Communauté y'aba Juif iri mubibazo by'u Rwanda guhera 1994 n'ubu ikaba ibikomeyemo kumva n'abahutu barokotse. Twe tuzafasha abo bahutu n'abatutsi guhurira hamwe n'abandi bahuye n'amahano kureba uburyo hatabaho ivangura mu kababaro kameze kimwe kuko nibibi cyane. Rwose hari umuturage umwe usobanukiwe wambwiye ngo nzabwire aba Juifs barokotse hamwe n'abandi baturage bajya bumva kumaradiyo bakorewe genocide ko n'abahutu barokotse babakunda cyane ngo nabo nibabumve barabatakambiye. Abahutu bo muri kariya karere n'ahandi nibura nabo bagire amahoro.

-Ndasaba Perezida wa USA n'abanyamerika bose n'abandi namenyesheje bose amahano yabaye kubahutu mbicishije muri Ambassade n'ahandi ko n'abahutu ari abantu kandi bakeneye ubuzima

n’ubucamanza kandi n’ubu ntabucamanza baragira mu Rwanda uretse ubwo kumara n’abasigaye. Nsabye abanyarwanda Tutsi na Hutu nabo bashyira mu gaciro harimo n’abadushyigikiye gukomeza umutima w’impuhwe n’amasengesho bakumva kandi bakumvikanisha iki kibazo cy’abahutu bishwe bakaba batagira kivurira.

Bitangarijwe i Bruxelles, tariki ya 10/5/2005

RUTAYISIRE Boniface

Administrateur du Comité International pour les Victimes de la Haine Ethnique, Massacres et Génocide

Tél : (32) 472 26 70 71

e-mail : infotubeho@yahoo.fr

N°Moniteur Belge (journal officiel): 859595192

C/O UNIVERSITE LIBRE DE BRUXELLES

-Ushaka iyi nyandiko ku mpapuro isinye n’intoki ashobora kuyisaba irahari.

-Iyi nyandiko yatangajwe mu kinyarwanda mbere na mbere kugirango igere kubaturage batuye i Kiyenzi n’akarere ka Byumba Umutara Kibungo na Bugesera hamwe n’u Rwanda rwose. Ubishoboye abakorere photocopie abahe bose abashoboka bamenye ko ubutumwa bwabo nkomeje kubusohoza. Uko mbishoboye. Ikizashoboka cyose kirengera ubuzima nzakibakorera n’ubwo bitoroshye muri iyi si y’ishyamba.

-Iyi nyandiko ya mbere hashobora kubonekamo udukosa kuko tutabonye igihe gihagije. Nibiba ngombwa tuzayibasubirizaho imaze gusomwa bihagije.

-Iyi nyandiko itangajwe mu rwego rwo gufasha guhandura ibibazo biremereye u Rwanda hatagombye kuba impinduka z’ingorane zibuza amahoro abanyarwanda. Ikigamijwe muri iyi nyandiko ni uko buri wese areba ikintu kimwe cy’uko ibi byose ubundi bitagombye kubaho igihe aba bantu bafite ubucamanza bwigenga butagira aho bubogamiye bubarenganura. Buri wese atekereze mukubona umuti kuko nta munyarwanda waremewe gupfana agahinda k’abe bishwe.

Bimenyeshejwe:

- -SON EXCELLENCE LE SECRETAIRE GENERAL DE L'ONU
- -SON EXCELLENCE LE PRESIDENT DU CONSEIL DE SECURITE
- -SON EXCELLENCE LE PREMIER MINISTRE DU CANADA
- -SON EXCELLENCE LE PRESIDENT DES ETATS-UNIS D'AMERIQUE
- -SON EXCELLENCE LE PRESIDENT DE LA COMMISSION EUROPEENNE
- -SON EXCELLENCE LE PREMIER MINISTRE BELGE
- -SON EXCELLENCE LE PRESIDENT DE L'AFRIQUE DU SUD
- -SON EXCELLENCE LE PRESIDENT DE LA REPUBLIQUE FEDERALE D'Allemagne
- -SON EXCELLENCE LE PREMIER MINISTRE DE LA GRANDE BRETAGNE

- -SON EXCELLENCE LE PRESIDENT DE LA REPUBLIQUE FRANCAISE
- -SON EXCELLENCE LE PREMIER MINISTRE HOLLANDAIS
- -SON EXCELLENCE LE CHEF D'ETAT ET CHEF DE GOUVERNEMENT D'UN PAYS MEMBRE DE L'UNION EUROPEENNE (TOUS)

-SON EXCELLENCE LE CHEF D'ETAT ET CHEF DE GOUVERNEMENT --D'UN PAYS MEMBRE DE L'UNION AFRICAINE (TOUS)

-SON EXCELLENCE LE PREMIER MINISTRE ISRAELIEN

-COMMUNAUTE JUIVE DE Belgique

-RECTEUR DE L'UNIVERSITE LIBRE DE BRUXELLES